# 260: Kuri wa munsi tuzazukaho

1. Kuri wa munsi tuzazukaho, Yes' azaduh' imibiri mishya;Kurira no kuboroga Ntabwo bizaba bikiriho.

2. Ubu bugingo n'uyu mubiri Ntabwo byabura gutandukana.None, mubiri, sinzira, Urindir' uwo munsi mwiza.

3. Uyu mubiri waruhanyaga Ni wo turambitse mu butaka;Nuk' ubugingo bwonyine Bwazamutse, bujya mw ijuru.

4. Ubu bugingo n'uyu mubiri iherezo, bizasubirana, Bihabw' ishusho ya Yesu; Ntibizatandukan' ukundi.

5. Mbeg' umunezero mwinshi cyane i Koko, mw izuka, tuzishima pe Ni hw imva zose zo mw isi Zizashiramw abapfu bazo.

6. Maz' ababyeyi n'abana babo N’ abavandimwe batandukanye N’abishwe n’urukumbuzi Bazabonanira mw ijuru.

7. Bazabanayo mubwami bwawe;Bazababatagitandukanira.Kubw’umusaraba wawe,Uzadusohozeyo natwe.

Visit us at indirimbo.com